RCVD
Rwanda Council of Veterinary Doctors

ITANGAZO

Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (Rwanda Council of Veterinary Doctors) ruramenyesha abaganga b'amatungo bose bakorera cyangwa bateganya kuzakorera umwuga w'ubuvuzi bw'amatungo mu Rwanda ko hateganyijwe igikorwa cyo kwiyandikisha ku rutonde rw'abaganga b'amatungo bemerewe gukora uwo umwuga mu Rwanda.

Iki gikorwa kizatangira tariki ya 25 Kanama 2014 kirangire tariki ya 1 Ukuboza 2014.

Usaba kwandikwa asabwa kuza yitwaje ibi bikurira:

Niba ari Umunyarwanda:

1. Ibaruwa isaba gushyirwa ku rutonde rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda yandikiwe Perezida w'Inteko Nkuru y'Urugaga;
2. Kopi ebyiri zujuje neza z'ifishi isaba kwandikwa ku rutonde rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (Iyi fishi iboneka ku cyicaro cy'urugaga cyangwa usaba akayihabwa kuri email igihe ayisabye);
3. Amafoto abiri magufi y'umwimerere yerekana neza usaba kwandikwa ku rutonde
4. Kopi igaragara neza y'irangamuntu cyangwa Passport y'usaba gushyirwa ku rutonde
5. Kopi y'Impamyabumenyi yatanzwe n'ishuri ry'abaganga b'amatungo ryemewe na Leta y'u Rwanda;
6. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire (Extrait du casier Judiciaire) kitarengeje amezi atatu ;
7. Icyemezo cy'uko usaba yishyuye 10.000 RwF yo gushyirwa ku rutonde kuri konti **No. 00040-0653033-45** ifunguye muri **Banki ya Kigali** mumazina y'Urugaga.

Icyitonderwa : Mu gihe itsinda rishinzwe kwiga kuri dosiye risanze wujuje ibisabwa byo kujya ku rutonde rw'Abaganga b'amatungo uhita wishyura 20.000 RwF kugira ngo wuzuze amafaranga asabwa kugira ngo uhabwe icyemezo.

Niba ari Umunyamahanga:

1. Icyemezo cy'uko yanditswe ku rutonde rw'abaganga b'amatungo mu gihugu usaba aturukamo (registration certificate) ;
2. Icyemezo gitanzwe n'urugaga rwo mu gihugu aturukamo cyemeza ko usaba yubahirizaga amategeko agenga umwuga muri icyo gihugu (Certificate of Good standing) ;
3. Icyemezo cy'uko usaba yishyuye 100.000 RWF yo gushyirwa ku rutonde kuri konti **No. 00040-0653033-45** ifunguye muri **Banki ya Kigali** mumazina y'Urugaga.

RCVD

Rwanda Council of Veterinary Doctors

Gahunda yo kwiyandikisha ikorwa mu minsi y'imibyizi kandi iteye itya :

Agace k'urugaga	**Ahantu**	**Amasaha**	**Uwuzabakira na telefoni**
Kigali	Icyicaro gikuru cy'urugaga kiri KACYIRU ahahoze hakorera umushinga wa PAIGELAC	Kuva saa 10h00-13h00 No kuva 16h00-18h00	Dr. KAMANZI Elisée 07 88 30 59 08
Mu Burasirazuba	University of Rwanda/Umutara Campus	Amasaha y'akazi	Dr. Maurice BYUKUSENGE 07 88 77 94 04
Mu Burengerazuba	MINAGRI/RAB Rusizi	Amasaha y'akazi	Dr. NTEGEYIBIZAZA Samson 078 887 66 32
Mu Majyepfo	MINAGRI/RAB Rubona	Amasaha y'akazi	Dr RWEMALIKA Damascene 0788856781
Mu Majyaruguru	University of Rwanda/Busogo Campus	Amasaha y'akazi	Dr. MPATSWENUMUGABO Jean Pierre 07 88 82 77 23

Icyitonderwa:

Muri iki cyiciro cya mbere haziyandikisha abaganga b'amatungo bafite nibura impamyabumenyi yo mu rwego rwa Bachelor's Degree kuzamura. Gahunda yo gushyirwa ku rutonde kw'abafite izindi mpamyabumenyi barebwa n'umwuga izamenyekanishwa nyuma.

Ukeneye ibindi bisobanuro yabariza kuri imwe mu manomero ya telefoni yatanzwe haruguru cyangwa akandikira Secretaire General kuri rwandaveterinarycouncil@gmail.com.

Murakoze,

Bikorewe I Kigali
Tariki ya 20/08/2013

Rwanda Council of Veterinary Doctors B.P.2949 Kigali Rwanda

Dr. RUSANGANWA François Xavier
Perezida w'Urugaga